Directeur Jeunesse

INAMA YA SELIRE YA MINISTERI Y'URUBYIRUKO N'IMIKINO YABAYE TALIKI 29 NYAKANGA 1982.

3/12/82

---

I. Abali muli iyo nama:- Umukuru wa Selire kandi ali nawe Prezida w'Inama Militant Ministri w'Urubyiruko n'Imikino.
- Abagize Komite ya SELIRE
- Aba Militantes na ba Militants bagize SELIRE ya Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino.

II. Imigendekere y'Inama: Inama yabaye kuwa kane isaa munani n'iminota 40 kugeza isaa kumi n'imwe n'igice. Mbere yuko inama iba, abagize Komite ya SELIRE bali barashyikilijwe na ba Militantes na ba Militants ibibazo bibabangamiye kandi bikeneye umuti kugirango akazi kabo karusheho kugenda neza.

III. Ibyasuzumwe muli iyo nama:

a) -Mbere yo gutangira inama, Militant Ministri yabanje gushimira mw'ijwi rya Prezida wa Republika abateguye "Mouvement d'Ensemble" na "Ballet National" URUKEREREZA. Byakoranywe ubuhanga kandi binogera bose. Militant Ministri yasabye ko twahora dutera imbere mu buhimbyi dushingiye ku muco wacu wa kinyarwanda.

-Yunzemo, avuga ko ingorane zabaye zigomba kubera bose isomo kugirango zitazongera ikindi gihe. Militant Ministri yasobanuye ko abagize uburangare n'andi makosa bakwiye kubizilikana ko abagiliye imbabazi yizeye yuko bitazongera.

b) -Mbere yo gusuzuma ibibazo byatanzwe, Militant Ministri yasanze ali ngombwa gusobanulira ba Militantes na ba Militants amatwara Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ifite muli iki gihe ivugururwa ry'amashuli ryatangiye. Yasobanuye ko ibigo by'urubyiruko bigomba na byo kuvugururwa imyigishilize yabyo uhereye ku byo Ministeri yashinze buhoro buhoro bikazagera ku byo itera inkunga byashyizweho n'abagiraneza, cyangwa za Komini.

-Militant Ministri yasanze ibigo by'Urubyiruko bigomba kwita ku bintu bitatu:
- Kwigisha ubumenyi (pratique)
- Kwongera umusaruro w'ikigo kugirango gishobore kuba cya'wibeshaho, abana barangije nabo bakazabona inkunga yo kubafasha.
- Gufasha no gukwiza mu mashyirahamwe y'Urubyiruko "Encadrement."

Birumvikana rero ko programu z'inyigisho zali zisanzwe zigomba guhindurwa buhoro buhoro zigahuza n'igihe tugezemo.

.../...

aliko kugeza ubu nta n'umwe wigeze arusaba. Igisigaye n'ugusuzuma icyo kibazo n'abadagitilo ubwabo.

b) Abaplanto :

1. Isuku ntiyitabwaho bihagije. Usanga abaplanto bamwe binyuliza umweyo hejuru nta mazi yo gukoropesha bakoresheje bigatuma ivumbi litumuka.
2. Abaplanto bakwiliye kubahwa nabo bakubaha ababategeka.

Ibisubizo:

- Isuku igomba gukorwa buli munsi. Iyo hali umuplanto wasibye cyangwa ali muli konje, ababigenewe bagomba guteganya umusimbura aho ayakoraga. Buli wese yishimira gukorera ahantu hasukuye.

-- Kubahana ni umuco mwiza wa Kinyarwanda, tugomba kuwukomeza.

c) Abashofeli:

1. Kenshi abashofeli bakora muli wikendi na nyuma y'amasaha y'akazi nyamara ntabwo babihemberwa. Amategeko yatanzwe kuli iyo ngingo akwiliye kubahilizwa.
2. Hali abategetsi bamwe bajyana n'abashofeli muli misiyo ugasanga babasuzugura nk'imbwa. Umuntu agomba kubahirwa urwego alimo.
3. Hali abakozi baha imodoka maze bo bakiha kurenza amasaha ateganijwe, bagatahá mu gicuku kandi misiyo yabajyanye iba yarangiye kare. Umushofeli arahagokera cyane cyane iyo abajandarume bamufashe amaze kugeza mu rugo uwamutindije. Kenshi ntabona uko yiregura. Ubwo se ni umushofeli wahanwa koko ?
4. Kuki umushofeli aba afite imodoka agenewe gutwara maze igihe habonetse misiyo igomba kujyamo bakayimwambura bakayiha undi nyamara we atarwaye, umuti ni uwuhe ?
5. Hakwiliye umushofeli wa Piko.

Ibisubizo:

- Gukora nyuma y'amasaha y'akazi cyangwa muli wikendi biba muli za misiyo limwe na limwe icyo gihe umushofeli abibonera amafaranga ya misiyo. Ubundi biba iyo hali imilimo abakozi ba Ministeri bagomba gukulikira (compétitions muli wikendi nibindi) ibyo bya sporo Ministeri irabishinzwe. Ubundi abashoferi bagomba gukuranwa iyo bibaye kenshi. Ntamafaranga atangwa kuko bili mu milimo isanzwe ya Ministeri, umushoferi wumva atabishoboye yasezera.

IBIBAZO RUSANGE:

1. Ikibazo cya telefoni ntikiratungana. Birakwiye ko haba telefoni mu biro byose. Ibyo byagabanya ingendo zo mu biro zikorwa umuntu ashaka kumenya ibyo akeneye mu kazi ke.

Igisubizo:

-Icyo kibazo cyagejejwe mu nzego zibigenewe. Jestiyoneli asabwe kugikulikirana vuba.

2. Amadosiye yakozwe kandi yihutirwa akwiliye kujya agera kuli Ministri vuba ntazalire mu nzira. Hakwiye farde y'ibyihutirwa.

Igisubizo:

Si byiza koko gutinza amadosiye yihutirwa. Kuyakora no kuyatangira igihe bigomba kwitabwaho n'ababishinzwe. Farde y'ibyihutirwa singombwa kuko kugeza ubu courrier yose ije mu biro bya Ministri irara itanzwe uretse izo agomba gusuzuma ku bulyo burambuye.

3. Imodoka za Ministeri zagombye kwitabwaho. Ubwo " Mouvement d'Ensemble" yarangiye, buli Diregisiyo Jenerali ikwiliye kubona no gucunga imodoka zayo. Ibyo bizatuma programu zateguwe zikulikizwa.

Igisubizo:

- Jestiyoneli ategetswe kugenera buli Servisi imodoka zayo, akagena na lisansi izakoreshwa buli kwezi.
-Imodoka zihora zipfa buli gihe. Ibyo birerekana ko zidakorwa neza cyangwa ko hali abashofeli batazi imodoka. Icyo kibazo kigomba gusuzumwa, Jestiyoneli akazampa igisubizo.

4. Abakozi bajya muli misiyo bagombye kugenda batwaye amafranga yabo kuko benshi basonzera mu nzira. Abandi birakorwa iyo impapuro zabigenewe zageze muli Ministeri y'Imali nibura mbere y'iminsi ibili.

Igisubizo: Ubwo abandi babikora, ntacyatubuza natwe kubikora. Ni byiza ku bitegura hakili kare, kugirango Jestiyoneli abone igihe gihagije cyo gushaka amafranga ya misiyo.

5. Ni iyihe mpamvu ituma abakozi bamwe bakoresha za rekizitware iyo bagiye ku kazi abandi bagahabwa imodoka ? Hali umukozi wabonye ko akazi ke kagiye gupfa yemera gutanga amafaranga ye agura tike yo mu ndege kuko yali yabuze imodoka.

Igisubizo:

- Iyo imodoka zihali ntawe ushobora kuzimana ku mpamvu z'akazi.
- Igihe ntazihali cyangwa zidahagije, umukozi ntiyadindiza misiyo ye mu gihe ashobora kugendera muli bisi ikamugeza aho ajya kandi vuba.

1. Animasiyo igomba kwitabwaho kandi igakorwa na bose. Abashinzwe "Folklore" n'abandi bazobereye mu guhimba bakwiye guharanira guteza Selire imbere mu mikino.

Igisubizo :

- Icyo cyifuzo ni cyiza. Selire ya Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ntigomba guhigwa muli Animasiyo kandi ifite abahimbyi babizobereyemo.

Militant Ministri amaze gusubiza ibibazo byose byali byateguwe mu nyandiko, yamenyesheje ba Militantes na ba Militants amabwiliza ya Ministri w'Ubuvuzi yerekeye uko umukozi wa Leta yishyuza amafranga aba yatanze agura imiti, anabamenyesha amabwiliza ya Ministri w'Abakozi ba Leta n'Imilimo yerekeye guhindura adresi ya kreditifu.

Mu gusoza inama, Militant Ministri yibukije akamaro k'Umuganda. Yibukije ba Militantes na ba Militants ba Selire ayobora ko bagomba gushishikalira gukora Umuganda, bakerekana ko bashyigikiye intego ya Prezida wa Republika, Prezida-Fondateri wa M.R.N.D. ivuga ko u RWANDA ruzazamurwa n'amaboko y'abana barwo. Yavuze ko abashinzwe Umuganda bo muli Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi bamwemereye ko Umuganda wakorerwa i GACULIRO muli iki gihe. Yasabye ko imilimo y'Umuganda ikorerwa ubu mu kigo cy'Urubyiruko i GACULIRO yarangira vuba maze tukabona gusanga izindi Selire aho zikorera.

Militant Ministri yashimiye ba Militantes na ba Militants icyizere bamugiliye babaza ibibazo batishisha. Yasanze ali ikimenyetso cy'uko bashaka gufatanya nawe mu gukemura ibitagenda neza.

Yabashimiye ubwitonzi, umurava ugomba kuranga buli wese mu kazi ashinzwe.

Inama yarangiye isaa kumi n'imwe n'igice.

Umwanditsi w'Inama,
BAGOYI Yozefu
[signature]

Prezida w'Inama,
Ministri w'Urubyiruko n'Imikino
NDINDILIYIMANA Agustini
Cdt BEM.-
[signature]